K0147398

Ma/864

5/3/94

KINYARWANDA

Face A. K0147399

(Morceau de Musique)

NTAMABYARIRO Agnès: .....Banyarwandakazi, bayoboke b'ishyaka riharanira ukwishyira ukizana kwa buri muntu, Parti Libéral, mwirirweho. Mugiye gukurikirana ikiganiro cya Parti Libéral, murakigezwaho na Madamu NTAMABYARIRO Agnès, Vice-Président wa mbere w'ishyaka.
....icyo ishyaka rya Parti Libéral ritekereza ku bibazo by'umutekano igihugu gifite. Turabagezaho kandi ku buryo burambuye uko amashyaka ari muri guverinoma afatanyije na Perezida wa Repubulika n'Abaminisitiri b'Intebe bombi bakemuye ikibazo cya Parti Libéral cyari cyarakomeje kuvugwa ko ari cyo cyadindije ishyirwaho ry'inzego z'inzibacyuho. Banyarwanda, banyarwandakazi, bayoboke ba Parti Libéral, iki kiganiro kibaye tukiri mu cyunamo Abanyarwanda twashyizwemo n'ibikorwa by'ubwicanyi byambuye u Rwanda abana barwo babarirwaga mu ntwari ziyemeje guharanira kuruteza imbere mu mitegekere yarwo no mu majyambere. Intwari GATABAZI Felesiyani na BUCYANA Maritini. Imana ibahe iruhuko ridashira. Parti Libéral irongera kubwira imiryango yabo n'imiryango yose yabuze ababo mu mvururu zabaye muri Kigali, i Butare na Cyangugu mu kwezi gushize ngo bakomeze bihangane. Ishyaka P.L. rirongera kwamagana bikomeye abicanyi bose bagamije gusarurira mu nduru bavutsa abandi bana b'u Rwanda ubuzima bwabo cyangwa umutungo wabo. Biteye isoni imbere y'amahanga kubona igihe isi yose irangamiye ko amasezerano y'amahoro ashyirwa mu bikorwa, ba kidobya bahemukira igihugu, bagatuma cyongera gutembamo imivu y'amaraso y'Abanyarwanda. PL yiyamye ku mugaragaro kandi yihanangirije ba rukarabankaba bose bashaka kuburizamo amasezerano y'Arusha.

3.1 min.

Nta Munyanrwanda uyobewe ukuntu ishyaka ryacu ryaharaniye ko amasezerano y'amahoro agerwaho. Ryifatanije rero n'abandi Banyarwanda bakunda amahoro bashaka ubwiyunge n'ubwumvikane mu bana b'u Rwanda bashyigikira ko ayo masezerano ashyirwa mu bikorwa uko yakabaye. Rirasaba abo bose bakunda amahoro kwigaragaza no gufatanya n"Aba Libérali' bose guhagurukira ibikorwa by'amahoro bigamije guhashya burundu umwiryane mu Banyarwanda (indicatif). Komite Nyobozi ya P.L iboneyeho gusaba abarwanashyaka bose gukomeza kuba umusemburo w'amahoro no kwishyira ukizana mu maserire, amasegiteri n'amakomine batuyemo. Biro z'ishyaka ku nzego zose zikoreshe inama zo kwiga uko bafasha ubutegetsi kubumbatira umutekano. Turasaba kandi abarwanashyaka bose kwitabira inama abategetsi bakoresha zigamije kubumbatira umutekano. Turashimira abarwanashyaka bo muri Perefegitura y'Umugi wa Kigali cyane cyane n'abo mu nkengero zawo ubwitonzi bagaragaje muri ibi bihe bikomeye ntibitabire ibikorwa by'urugomo n'ubujura byahabaye. Bakomeze kuba intangarugero mu myifatire, kandi n'abaLibérali bo mu yandi maperefegitura bumvireho. Nta muntu uharanira uburenganzira bw'ikiremwamuntu wo kujya mu bikorwa by'urukozasoni nka biriya. Nta muntu ushyigikiye ubutabera cyangwa ugamije guteza imbere amajyambere y'igihugu wo kugiteza imiborogo. Aho muri hose mwisungane n'abandi bakunzi b'amahoro dutsinde abanzi bayo na bo bagaruke mu nzira nziza. Bakunzi b'amahoro na demokarasi,

bayoboke ba Parti Libéral, ishyaka PL rizi neza ko ishyirwaho ry'Inteko Ishinga Amategeko n'irya Guverinoma y'Izibacyuho yaguye ari umuti ukomeye wagabanya ibibazo by'umutekano muke n'ibindi bibazo igihugu gifite. Ni yo mpamvu ryakoze uko rishoboye ngo ryorohere abarwanashyaka baryo baryigometseho izo nzego zibashe kujyaho. Ryemeye inama ryagiriwe n'abakuru ba Kiliziya Gatolika n'ab'Amatorero y'Abaporotesitanti mu Rwanda.

5.6 min

Iyo nama batugiriye yashyigikiwe na none n'abakuru b'amashyaka ari muri Guverinoma igihe bahuraga na Perezida wa Repubulika n'Abaminisitiri b'intebe bombi. Ku birebana na Parti Libéral, muri iyo nama yabaye ku itariki ya 27 z'ukwezi kwa 2 muri 94, byarumvikanye ko gushingira ku mategeko byonyine bidahagije kugira ngo umwanzuro w'ikibazo cyari mu ishyaka bavuga ko cyadindizaga ishyirwaho ry'inzego gikemurwe. Abari muri iyo nama basanze ari ngombwa ko mu buryo bwa politiki, habaho ubworoherane. Basanze iyo nzira y'ubworoherane yari isanzwe yaremewe mu mugambi w'abayobozi b'ishyaka nk'uko bari barabigaragaje mu zindi nama zabanjirije iyo ngiyo. Abari mu nama yo kuri 21/2/ bamaze gusuzuma neza icyo kibazo bashimye iyo nama yatanzwe n'abayobozi b'amadini nk'uko n'itangazo rya Perezidansi ya Repubulika ryashyizwe ahagaragara ku itariki 22/2/1994 ryari ryayishimye. Muri iyo nama yahuje Perezida wa Repubulika, ba Minisitiri b'Intebe n'abakuru b'amashyaka ari muri Guverinoma, hemejwe yuko NDASINGWA Landuwaridi n'abamuri inyuma bagenerwa imyanya itandatu y'abadepite kandi bagahamana minisiteri Bwana Landuwaridi asanzwe ayobora bagafata na Perezidansi y'Inteko Ishinga Amategeko. Imyanya isigaye igakomezwa n'ishyaka ni ukuvuga abadepite batanu na minisiteri ebyiri. Iy'Inganda n'Ubucuruzi n'iy'Ubutabera. Abayobozi ba Parti Libéral basanze kurekura umwanya wa Perezidansi y'Inteko Ishinga Amategeko bikomeye ariko kuko byemejwe n'iyo nama yari yateraniye kugira ngo idukiranure, abayobozi b'ishyaka bemera umwanzuro w'inama bimaze kumvikana yuko ibiwukubiyemo bigendera hamwe. Ibyo bita "pacage". None rero icyumweru kirashize inzego zitagiyeho. Biraterwa n'iki?

8.5 min.

Muri MDR naho ngo haba hakiri ibibazo. Ariko ku byerekeye PL, twabonaga ibibazo byarakemuwe mu rwego rw'iyo nama. Gusa Bwana NDASINGWA Landuwaridi ngo aracyagononwa yanga Minisiteri asanzwe ayobora agakoresha amayeri yo gusaba ebyiri ariko mu by'ukuri agamije ko bamuguranira. Iyo Minisiteri asanzwe ayobora avuga ko ngo nta kintu gisigayemo. Ese niba ari ko biteye, kuki Arusha baba batarayivanyeho burundu? Ikindi kandi ubu se MRND ijye kuvuga ko idashaka MINADEF (Minisiteri y'Ingabo) ngo kuko 'Etat-Major' ya Jandarumori yahawe FPR? Ubu abarwanashyaka benshi baribaza umutego Bwana Landuwaridi yaba yarateze muri iyo minisiteri utuma ayihunga kandi ayiyoboye imyaka ibiri yose, yari yarayigiyemo ku bwende bwe, nta gahato. Niba adashaka kongera kuyiyobora, ashake undi mukandida mu barwanashyaka bamuri inyuma. Niba nta we afite, ishyaka rizahatanga undi mukandida; ariko rero tukibutsa ko adashobora kuvuga ngo yemeye icyemezo cy'inama ku bireba abadepite n'ubuyobozi bw'Inteko Ishinga Amategeko gusa ngo ariko yanze icyemezo cy'iyo nama ku bireba abaminisitiri, nk'uko bamaze kubivuga haruguru icyemezo cyafashwe ari ipaki igomba kugendera hamwe igice kimwe kigatwara bimwe ikindi kigatwara ibindi. Gukomeza kwanga rero ngo ntashaka iyo minisiteri ni amananiza atari akwiye guheza igihugu mu gihirahiro. Bwana NDASINGWA yari akwiye gushyira mu gaciro akareba aho igihugu kigeze agakurikiza imyanzuro yavuye mu nama kuko twumva iyo myanzuro yarashoje ikibazo. Niba inzego z'ubutegetsi zitajyaho rero turasanga byabazwa abaminisitiri b'intebe bashaka gufasha NDASINGWA kurenga ku myanzuro y'inama.

11.4 min

Abayobozi b'ishyaka rya Parti Libéral barasaba 'abaLibérali' bose gushyigikira icyo cyemezo cyavuye mu nama ya Perezida wa Repubulika n'abakuru b'amashyaka yadufashije gukemura icyo kibazo. Turabasaba kandi gushimira Nyakubahwa Perezida wa Repubulika n'abo bakuru b'amashyaka badufashije kugikemura tukaba dusaba n'abayobozi b'ayo mashyaka kutisubiraho ngo basubize ikibazo ibubisi bashaka kugaruka ku gice kimwe cy'iyo myanzuro. Ni aha ikiganiro cyacu kigarukiye. Mwakoze kuba mwanteze amatwi, muramukeho ni ah'ubutaha (indicatifs)

Journaliste: Bonjour. Le Ministre rwandais des Affaires Etrangères et de la Coopération, le Dr Anastase GASANA s'est donc rendu ce Samedi à Murindi en territoire contrôlé par le Front Patriotique Rwandais. Il était porteur d'un message de l'actuel Premier Ministre Mme Agathe UWIRINGIYIMANA, le message du Premier Ministre qui est adressé aux autorités du Front Patriotique Rwandais. Les autorités du Front ont également reçu l'Ambassadeur de la République Unie de Tanzanie au Rwanda Mr Saley TAMBWE. Les entretiens avaient trait à la mise sur pied des institutions de transition restantes. C'est un reportage de Viateur KARINDA.

Viateur KARINDA: A l'issue de ces entretiens avec le Président du FPR qui était entouré par le Général Major Paul KAGAME, Commandant des Forces du FPR et le Premier Vice-Président du FPR Mr Patrick MAZIMPAKA ainsi que d'autres membres du Comité dirigeant du FPR,

14.0 min

le Ministre des Affaires Etrangères et de la Coopération a déclaré à la presse qu'il était porteur du message du Premier Ministre du Gouvernement en place, message adressé aux dirigeants du FPR et que ce message avait trait aux derniers obstacles qui se dressent sur le chemin de la mise en place du gouvernement de transition à base élargie. Nous avons alors abordé le Président du FPR pour savoir si ces entretiens qu'il avait eu avec l'émissaire du gouvernement rwandais constituaient un pas vers la mise sur pied des institutions qui restent. Le Président du FPR, le Colonel KANYARENGWE Alexis a répondu en ces termes:

Alexis KANYARENGWE: ... nous avons bien entendu demandé à chacun que l'on puisse savoir que il faut se conformer aux décisions des partis qui donnent une certaine eh qui ont été obtenues en pleine liberté d'expression euh de telle manière que euh sans ingérence du Président de la République ainsi nous pourrions pouvoir peut-être voir les institutions qui pourraient être mises en place avec une certaine crédibilité.

Viateur KARINDA: Vous rejetez donc que totalement les décisions qui ont été prises dans la réunion dirigée par le président...

Alexis KANYARENGWE: Oui. Tout d'abord, qui a dirigé cette réunion des partis en tant que qui ? Euh bon c'était d'abord dans quel cadre? Nous pensons que d'ailleurs après un terrorisme qui venait de s'opérer, l'accord qui a été obtenu par les partis a été obtenu par la force, par terrorisme. Or dans ces conditions, nous ne pourrons pas caustionner de tels résultats.

16.3 min

Journaliste: Le Président du Front Patriotique Rwandais, le Colonel Alexis KANYARENGWE a par la suite reçu l'Ambassadeur de Tanzanie au Rwanda Mr Sahey TAMBWE. A l'issue de ces entretiens, l'Ambassadeur de Tanzanie a confié à la presse qu'il espérait que les institutions de transition restantes allaient être mises en place très bientôt. (indicatifs)

SIBOMANA Aimable : ...tandatu kandi Burugumesitiri wa Komini Nyarugenge BIZIMANA Yohani Batisita afatanije n'intumwa za Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yayoboye inama yo kungurana ibitekerezo ku kibazo cy'umutekano mu mugi wa Kigali bafata n'imigambi yatuma umutekano urushaho kubamwiza muri uwo mugi. Inama yabereye mu nzu y'ibiro bya Perefegitura y'Umugi wa Kigali yahuje abantu barenga 400 barimo abashinzwe ubuyobozi mu masegiteri agize Komine Nyarugenge, abahagarariye amashyaka ya politike, abakuru b'amadini abayobozi b'ibigo by'imirimo inyuranye n'abahagarariye abatuye umugi wa Kigali b'ingeri zose. Iyo nama imaze gusuzuma yitonze ibibazo birebana n'umutekano n'ibiwuhungabanya yafashe imyanzuro itanga n'ibyifuzo byinshi byakurikizwa kugira ngo umutekano urusheho kwitabirwa. Nk'uko tubisanga mu itangazo twagejejweho na Burugumesitiri wa Komini Nyarugenge, inama yasanze hamwe na hamwe mu mugi amarondo akorwa n'amoko ukwayo cyangwa n'amashyaka ukwayo, ibyo bigakurura urwikekwe mu bantu. Inama yifuje ko umutekano wabo w'abaturage yifuza ko abaturage bose bahagurukirizwa kunganira inzego zishinzwe umutekano wabo; muri buri serire hagashyirwaho Komite z'umutekano n'amarondo azwi n'ubutegetsi kandi ahuriweho n'amoko yose n'amashyaka yose kugira ngo icyizere kigaruke mu batuye umugi. Abari mu nama kandi bifuje ko guverinoma yasaba abakuru b'amashyaka kugorora imvugo n'imikorere yabo kandi bakitabira inama z'abaturage kugira ngo bumve

18.8 min

icyo babatekerezaho. Kuri ibyo byerekeye amashyaka kandi, abari mu nama bifuje ko ishyaka rizongera gushoza imvururu ryazafatirwa ibyemezo bikomeye. Banifuje ko amategeko ahana yakurikizwa koko, abakwiza impuha, abajura n'abicanyi bagahanwa by'intangarugero. Abari muri iyo nama banasabye bakomeje ko guverinoma iriho ubu yakora akazi kayo ku buryo bugaragara, igakangurira abategetsi b'inzego zose n'abakozi imirimo bashinzwe, abaturage na bo bagakangurirwa kubumbatira umutekano wabo. Banifuje ko ishyirwaho ry'inzego z'ubutegetsi bw'inzibacyuho yaguye ryakwihutishwa, basaba guverinoma gukangurira itangazamakuru kuvuga inkuru z'ukuri kandi zidashyamiranya abaturage, itangazamakuru abanyarwanda rikabamenyereza guhangana mu bitekerezo byubaka kuko ari yo demokarasi nyayo. Inama yifuje kandi ko abategetsi begereye abaturage cyane cyane abakonseye ba segiteri babungabunga umutekano w'abo bashinzwe batarobanuye kandi badashyamiranya abaturage. Abari mu nama na none bifuje ko abategetsi bajya bavugisha ukuri ku bibazo by'amoko n'uturere, bakigisha abaturage kutabiheraho ngo bashyamirane ahubwo bakabasobanurira uko ibyo by'amoko n'uturere byabafasha kuzuzanya. Abari mu nama banifuje ko inzego zibishinzwe zakwihutira gukura intwaro zinyanyagije mu baturage cyane cyane imbunda na "grenades"; banifuza ko ikibazo cy'abaserire cyakwitabwaho nta kubogama, ibirarane by'ishimwe ryabo bigatangwa ndetse n'amategeko mashya abagenga agashyirwa ahagaragara. Inama yifuje ko inzego za jandarumori zegerejwe abaturage mu makomini y'umugi wa Kigali zahabwa ibikoresho bihagije kugira ngo abajandarume bajye bashobora gutabara vuba abaturage. Mu turere dukunze kurangwamo

umutekano muke tutegereye za 'compagnies territoriales' tugashyirwamo burigade za jandarumori.

21.2 min

Inama na none yifuje ko ikibazo cy'urubyiruko rwandagaye mu mugi nta mirimo rufite cyashakirwa umuti vuba kandi ababyeyi, abategetsi, abayobozi b'amashyaka, abakuru b'amadini n'abaturarwanda muri rusange bagahagurukira kugorora imyifatire y'urubyiruko. Inama yanifuje ko imyanzuro ku ipereereza rikorwa ku bwicanyi aho bwabaye hose mu Rwanda yakihutishwa kandi igatangarizwa rubanda. Abari mu nama banifuje ko abahunze ingo zabo bakwihutira kuzisubiramo kugira ngo ibyabo bidakomeza kononekara kandi bagafatanya n'abandi kurinda umutekano w'aho batuye. Ubutegetsi bw'inzego zibegereye bwasabwe kuborohereza gutahuka. Inama yibukije ko abaturage bakwihutira no gufata impapuro zo gucumbika, impusa zo gucumbika mu mugi. Ejo ku wa mbere guhera i saa munani muri buri segiteri ya Komine ya Nyarugenge hateganijwe inama izasobanurira kurushaho abaturage iyo myanzuro yafatiwe muri iyo yabaye ejo ku wa gatandatu, yayobowe na Burugumesitiri wa Komini Nyarugenge afatanije n'intumwa za Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini. (indicatif).

Speaker A: ?... depuis d'ailleurs quelques jours, beaucoup d'échanges beaucoup de feu entre la population.../... et principalement suite d'abord à la mort de trois personnes aussi la population de Kamenge majoritairement hutu qui pour le moment est très allergique donc à la présence de l'armée.
L'armée semble vouloir imposer sa présence dans ce quartier nous avons demandé à ce que l'armée se retire des quartiers mais depuis le coup d'Etat du 24 Octobre 1993 l'armée a semblé ne pas obéir aux commandements politiques, j'ai l'impression que les militaires ne semblent pas euh vouloir donc (indicatif)

24.5 min

Journaliste: Nyuma y'inama y'umutekano yahuje abaturage ba Komine Kicukiro ku wa kane tariki 3 z'uku kwezi n'iyahuje aba Komine Nyarugenge mu cyumba cy'inama ya Perefegitura y'Umugi wa Kigali, ejo ku wa gatandatu tariki 5 Werurwe guhera saa munani, ku biro bya Komini Kacyiru naho habereye indi nama muri ayo masaha na yo ikaba yari yahuje abaturage b'iyo Komine. Barebeye hamwe uko umutekano wifashe iwabo n'umuti watangwa kugira ngo umutekano urusheho kuhagera neza. Iyo nama yari iyobowe n'intumwa ya Perefe wa Perefegitura y'Umugi wa Kigali BUTERA Yohani Batisita afatanije na Burugumesitiri wa Komine Kacyiru NYIRINKWAYA Petero Karaveri, intumwa ya Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini KANYARUBIRA Lawurenti na Konseye wa segiteri Kimihurura wari umaze iminsi ayobora iyo Komini ahagarariye Burugumesitiri umaze iminsi mu Kiruhuko cy'umwaka. Iyo nama yitabiriwe n'abantu biganjemo abakozi ba Leta, abo mu bigo byigenga, abihay'Imana, abajyanama, abaserire n'abanyumbakumi. Bamaze kungurana ibitekerezo mu mutuzo kandi mu mvugo yubaka, abari mu nama bafashe imyanzuro ikurikira. Gusaba Guverinoma kwihutisha ipereereza ku bugizi bwa nabi cyane cyane kuri Nyakwigendera Minisitiri GATABAZI na BUCYANA Maritini, Perezida w'ishyaka CDR.
Basabye kandi inzego zose zibishinzwe gukurikirana bidatinze abantu bose baba baragize uruhare mu mvururu zakurikiye izo mpfu zombi zigahitana abantu kandi zikangiza n'ibintu .
Indi ngingo ni ugufata ingamba zihamye mu guhashya amabandi kubera ko basanze ariyo yagize uruhare

31.7 min

Muri uyu mwaka witiriwe umuryango, Urunana rwashyigikiye ibikorwa byazafasha abana n'abagore koroshya ibibazo ibikorwa byazafasha abana n'abagore koroshya ibibazo bahura na byo. Urunanana rwongeye gusaba amaradiyo n'ibinyamakuru byandikwa kwirinda mu mikorere yabyo imvugo nshotoranyi igamije gusa n'ishyamiranya Abanyarwanda no kubacamo uduce. Ibi ni ibikubiye mu itangazo twagejejweho n'Urunana La Cordée ryashyizweho umukono na GUMIRIZA Pascal, Perezida w'uwo muryango. Uyu mwaka wahariwe umuryango ku isi hose. Ku buryo bw'umwihariko ukaba waritiriwe umwaka w'amahoro mu ngo. Umuryango udaharanira inyungu DUTERIMBERE wabyijihirije uyu munsi mu ihuriro ryabereye ku kigo kitiriwe Mutagatifu Pawulo i Kigali. Muri iyo nama, abari, abategarugori n'abagabo babitsa muri DUTERIMBERE baganiriye ku buryo burambuye ibyerekeye gahunda yo kuzigama yatangiye muri Nyakanga 1991. Iyo gahunda yo kuzigama yatangiye mu buryo bwo kugoboka abayitabiriye bishyiriraho ikigega cy'abayoboke kibaguriza. Ababitsa bamaze kugera kuri 600 hakaba haratanzwe inguzanyo 60. Abaje mu nama bunguranye ibitekerezo ku buryo iyo gahunda yashinga imizi ikarushaho kunganira abayitabiriye mu bikorwa byongera umutungo mu ngo. Ubufatanye bw'abari n'abategarugori bukarushaho kugaragarira mu bikorwa nzamurabukungu. Iryo huriro ryari rigamije kurebera hamwe n'abazigama uruhare rwabo mu guteza imbere gahunda yo kuzigama. Hatanzwe ibyifuzo byinshi bijyane n'uburyo DUTERIMBERE yakunganira abayigana iborohereza, ikihutisha umushinga, igasuzuma ingwate, ikamamaza ibikorwa na gahunda zose ifite. Muri make abazigama bakiyongera n'amafaranga azigama akongerwa. Abaje mu nama batashye bagira bati " dukomeze twizigamire, turwanye ubukene, ubufatanye bw'abari n'abategarugori busagambe

34.7 min

Ku itariki ya 8 Werurwe tuzazirikane by'umwihariko amahoro mu ngo zacu. Tukivuga ibikorwa bya DUTERIMBERE mu rwego rw'igihugu, uyu munsi i Cyangugu mu kigo cyitiriwe Mutagatifu Faransisiko hatangiye ihugurwa ry'abanyamuryango ba DUTERIMBERE mu karere ka Cyangugu babifashijwemo n'umushinga utera inkunga amakomine amwe n'amwe y'u Rwanda mu bikorwa byayo by'amajyambere witwa PADEC mu magambo ahinnye. Iryo hugurwa rizamara iminsi itatu, rigamije gufasha abo banyamuryango ba DUTERIMBERE gukora gahunda y'ibikorwa bifuza kugeraho muri uyu mwaka kugira ngo umuryango DUTERIMBERE urusheho kumenyekana muri Cyangugu ugere ku Banyarwandakazi benshi muri ako karere. Impuguke y'Umunyarwandakazi Madamu KAMPUNDU Epifaniya wikorera ku giti cye ni we umushinga PADEC wiyambaje kugira ngo abashe gusesengurira ibibazo bafite n'intego bashaka kugeraho kimwe n'ingamba zakoreshwa ndetse n'inkunga ikenewe kugira ngo bashobore gukora gahunda iboneye y'ibikorwa bazagenderaho uyu mwaka. Iryo hugurwa ryabo rizarangira ku wa kabiri tariki ya 8 Werurwe , umunsi w'Abari n'Abategarugori ku isi yose (indicatif).

FACE B

K0147406

0.0 min

(indicatif)

Thomas KAMIRINDI: Merci Rayon Sport. Merci pour tout. Vous n'avez pas décu les espoirs que tout un peuple avait placé en vous. Mais surtout vous lui avez évité des larmes qui avaient coutume_ de couler à chaque élimination d'un club rwandais des compétions africaines. Rayon Sport, vous venez de battre El HILAR du Soudan par quatre buts à un, une victoire synonyme de qualification pour le 8e quart de finale de la coupe des vainqueurs de coupes. Et Boniface MURUTAMPUNZI a assisté à votre match. A vous Boniface.

Boniface MURUTAMPUNZI: L'équipe rwandaise Rayon Sport vient de tourner la plus belle page de son histoire. Quatre buts à un face aux Soudanais d'El HILAR, un véritable exploit; surtout que les Rwandais avec cette victoire écrasante accèdent au 8e de finale de la coupe des vainqueurs de coupes. Le but marqué par l'équipe soudanaise il y a 2 semaines à Omzurman ne lui a pas pesé très lourd. Tout comence à la septième minute de la première mi-temps lorsque Mateso réceptionna une passe en provenance d'Aimé Dollar ouvre le score... et capitaine Nazer Mudeyi, l'équipe rwandaise mène dès lors le jeu. Billy manque de peu tout de même pour mettre l'équipe soudanaise chaos. Malgré cette domination territoriale, El HILAR sortira de sa léthargie pour revenir au score à la 31e minute de jeu par l'intermédiaire de William qui exploite intelligemment une erreur commise par le partier de Rayon Sport MURANGWA. Alors tout est remis en cause. L'inquiétude commence à se lire sur tous les visages des 35.000 spectateurs présents au stade. L'équipe soudanaise devient alors mordante et contrôle le jeu à son compte jusqu'à la fin de la première mi-temps. Dès la reprise, tout va s'accélérer à un rythme rapide.

2.3 min

A la suite d'une action entreprise par KAZANENDA à la destination de Baptista et le cafouillage dans la défense d'El HILAR pour se dégager un défenseur touche avec les mains le ballon: penalty indiscutable, très bien transformé par Aimé Dollar. Deux buts à un. Il reste encore un but pour obtenir la qualification pour Rayon Sport. Mais les Soudanais réagissent. Leur contre-attaque aboutit à un coup franc dangereux. Le tire de William est repoussé par MURANGWA.... un attaquant qui ... mais Dieudonné sauve alors que son gardien était battu. A la 60e minute, TIGANA très entreprenant au cours de cette rencontre, lance Baptista. Son tire croisé trouve sur sa trajectoire Nazer qui sans pitié... le gardien Suleiman. Toutes les chances des Soudanais s'écroulent comme un château construit sur le sable. Les Rwandais dominent, développent un jeu souple et propre. Le spectacle vient compléter l'efficacité offensive de l'attaque composée de Billy, Nazer et Baptista. Quinze minutes après, nouvel échappé de Nazer qui déborde son centre trouve la tête de Billy qui expédie le ballon au fond des filets. Quatre buts à un, la qualification est plus qu'assurée mais les Soudanais tentent encore de réduire le score sans y parvenir. Et une contre-attaque est menée par JELADI EL ADRI mais MURANGWA s'interpose. Rayon Sport aurait même pu aggraver le score à cinq minutes de la fin à la suite d'une belle combinaison Nazer-Billy mais le tire de ce dernier est

superbement arrêté par le gardien d'El HILAR. Après deux saisons de déconvenu, Rayon Sport accède avec tout le mérite et les honneurs au 8e de finale d'une compétition africaine. Elle rencontrra le vainqueur de la rencontre Kenya 5 ?) et (Ferroviario) de Maputo. A l'issue de ce match, les journalistes membres de l'association AJIFOR ont élu les trois meilleurs joueurs de Rayon Sport Nazer, Mudeyi et Tigana ont été credités chacun de 5 voix sur 8 et Aimé Dollar en a obtenu 4. Bravon Rayon Sport. (indicatif).

4.2 min

Journaliste: ... NYIRAMASUBUKO Pawulina yatangije ku mugaragaro icyumweru cyo kuzirikana umwari n'umutegarugori ku isi hose no mu Rwanda by'umwihariko. Uwo muhango wabereye muri Perefegitura ya Ruhengeri nk'uko tubibwirwa na mugenzi wacu ushinzwe ibiro by'akarere bya ORINFOR mu Ruhengeri HAKIZIMANA Yohani Batisita.

HAKIZIMANA Yohani Batisita: Ku kibuga cy'imikino aho ibirori byabereye hari hateraniye abaturage benshi biganjemo abari n'abategarugori, Minisitiri NYIRAMASUBUKO akaba yaserutse akikijwe na Minisitiri w'Ubuzima Dogiteri Kazimiri BIZIMUNGU, umuyobozi wa ONAPO, intumwa y'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku bana, intumwa ya Minisiteri y'Itangazamakuru n'abategarugori bakomoka mu mpande zose z'igihugu. Nk'uko Minisitiri NYARAMASUBUKO Pawulina yabivuze impamvu Minisiteri ayobora yahisemo Perefegitura ya Ruhengeri muri uwo muhango ni uburyo bwo kugaragaza uruhari iyo Perefegitura yagize mu mizamukire y'umutegarugori kuko ari yo yabonye Umuminisitiri wa mbere w'umugore hashize imyaka 30. Mu ijambo rya Perefe Silivesitiri BARIYANGA na we yishimiye cyane ko Minisiteri y'Umuryango no Guteza Imbere Umunyarwandakazi yatekereje Perefegitura ya Ruhengeri muri iki gihe ibikorwa by'abari n'abategarugori byadindijwe cyane n'intambara imaze imyaka 3 yose. Ati nyamara abategarugori bo mu Ruhengeri bibumbiye mu mashyirahamwe agera kuri 60. Perefe BARIYANGA yagaragaje ariko impungenge z'ibibazo bigenda biterwa n'ubuharike bukomeje kwiganza mu Ruhengeri. Umutegarugori w'Umujyanama muri Komini Nkuri, segiteri Jenda na we yahawe ijambo agaragaza intambwe abategarugori batangiye gutera mu nzego zose z'amajyambere y'igihugu . Intumwa ya UNICEF muri ibyo birori Madamu MUKASINE Louise Antoinnete yabanje gusobanura intego y'uwo muryango ariyo guharanira guteza imbere umutegarugori n'umwana.

5.7 min

Yakomeje avuga ko UNICEF ariko ibabazwa cyane n'uko abategarugori n'abana ari bo bakomeje kuba ibitambo by'inzara, indwara n'intambara byibasiye u Rwanda muri iki gihe. Yanibukije ko intego y'umunsi w'abategarugori uyu mwaka ari uguharanira amahoro, uburinganire n'amajyambere. Ubwo buringanire bukaba buvuga kuzuzanya k'umugore n'umugabo, bombi bakaba bagomba kumenya ko iyo amahoro abuze umugore n'abana ari bo bahazaharira. Uwari uhagarariye abahinzi-borozi we yasabye ko abategarugori bajijutse, bize, baminuje babera bagenzi babo bo mu cyaro urufunguzo nyakuri rwo kurwanya ubujiji. Minisitiri NYIRAMASUBUKO Pawulina mu ijambo yavuze yishimiye ko Umunyarwandakazi atigeze afatwa nk'umuja ati ariko haracyari ibibazo mu mizamukire ye...

NYIRAMASUBUKO Pawulina: ...Mu gihugu cyacu twebwe tunezezwa n'uko umunyarwandakazi atigeze afatwa nk'umuja. Yakomeje kubahirwa kuba ari umugore n'umubyeyi. Kugeza ubu kandi yakoze uko ashoboye mu guharanira amajyambere mu rugo rwe. Ariko n'ubwo ibyagezweho mu Rwanda ari byinshi, umutegarugori aracyafite inzitizi mu

nzego nyinshi zaba iz'ubukungu, iza politiki n'ubutegetsi n'imibereho myiza. Nagira ngo mbwire Abanyaruhengerikazi ko impamvu ya mbere ikomeye yatumye dutangiza icyumweru cyo kuzirikana abategarugori mu Ruhengeri ari uko hashize imyaka 30 umutegarugori wa mbere wabaye Minisitiri avutse mu Ruhengeri muri Komini Ruhondo. Ndabona rero muri rusange abategarugori bo mu Ruhengeri batweretse yuko bajijutse. Ariko mu Rwanda hose haracyari ibibazo; cyane cyane yuko hari abategarugori batazi gusoma no kwandika bageze hafi kuri 60%. Ikindi kibazo dufite ni uko mu mashuri yisumbuye n'amakuru abategarugori bakiri bakeya.

7.8 min

Mu mashuri abanza ho bimeze neza kuko abahungu n'abakobwa bigamo bangana: abakobwa ni 50% n'abahungu ni 50%. Ndumva rero twari dukwiye gukomereza aho ngaho; mu mashuri yisumbuye n'amakuru na ho bikaba uko nguko. Ibindi bibazo byugarije umwari n'umutegarugori ni ubukene, hakiyongeraho n'urubyaro rwinshi n'ubutaka butacyera kandi budahagije noneho ibibazo bikarushaho kuba insobe.

HAKIZIMANA Yohani Baptista: Abaturage b'i Butaro bavuye mu byabo baba i Nyakinama na bo bongeye kwerekana ka kadiho ko mu rukiga ariko bakaba bagejeje n'ubutumwa ku bategetsi b'u Rwanda. Bati igihe amasezerano y'amahoro yashyirwagaho umukono ku itariki ya 4 Kanama umwaka ushize twarabyinnye biratinda kubera ko twizezwaga ko tugiye gusubira mu byacu bidatinze none amaso yaheze mu kirere. Bashoje bavuga ko impunzi zidaheza ariko ko zanga abazibeshya. Nyuma y'ibirori, Minisitiri NYIRAMASUBUKO yasuye ibikorwa by'ubukorikori by'izo mpunzi byose Minisiteri ikaba yiyemeje kubigura ikaba ari inkunga yaziteye. Yohani Batisita HAKIZIMANA. ORINFOR Ruhengeri .
(indicatif)

Journaliste: ....no guteza imbere Umunyarwandakazi Madamu NYIRAMASUBUKO Pawulina ejo yatangije ku mugaragaro icyumweru cyo kuzirikana umwari n'umutegarugori ku isi hose no mu Rwanda by'umwihariko. Uwo muhango wabereye muri Perefegitura ya Ruhengeri nk'uko tubibwirwa na mugenzi wacu ushinzwe ibiro by'akarere bya ORINFOR mu Ruhengeri HAKIZIMANA Yohani Batisita.
(indicatifs)

9.6 min

Journaliste: ... hier à Ruhengeri en présence notamment du Ministre de la Santé de la Directrice de l'ONAPO et de la Déléguée de l'UNICEF au Rwanda. En ligne Jean Baptiste HAKIZIMANA.

Jean Baptiste HAKIZIMANA: Il y a 30 ans, la première femme rwandaise élevée au rang de Ministre était originaire de Ruhengeri. Voilà le mobile principal qui a poussé le Ministre NYIRAMASUBUKO à choisir cette préfecture pour accueillir ces festivités. Dans son discours, le Préfet Sylvestre BARIYANGA s'est également félicité de ce choix indiquant qu'il s'agira d'un soutien sans faille à l'égard de la femme de Ruhengeri qui, malgré les méfaits de la guerre n'a pas abandonné son habitude de coopérer avec les autres. En effet, il y a à Ruhengeri près de 60 associations regroupant des femmes. Le Préfet BARIYANGA s'est également attaqué à la polygamie qui a choisi son siège à Ruhengeri. Sur ce point, le Ministre NYIRAMASUBUKO a souligné que seule la femme peut lutter contre cette habitude en

renonçant d'être choisie comme deuxième ou troisième femme. La Représentante de l'UNICEF dans ces festivités, Madame MUKASINE Louise Antoinette, a quand à elle indiqué que l'UNICEF reste préoccupé par la situation que vivent l'enfant et la femme frappés par tous les maux notamment les maladies, la famine et la guerre qui font la loi au Rwanda actuellement. Elle fait en outre réunir de la bonne voie que si le Rwanda en matière de cooperation internationale surtout avec les organismes qui interviennent dans les domaines en rapport avec le developpement de la femme. Elle a également rappelé l'objectif de la journée de la femme pour cette année: Lutter pour la paix, l'égalité et le développement. L'égalité c'est cette complémentarité de la femme et de l'homme dans le foyer.

11.4 min

Et le développement est quasi impossible quand le sens de la femme est négligé. Le Ministre de la Famille et de la Promotion Feminine, Madame Pauline NYIRAMASUBUKO, dans son allocution de circonstance s'est réjouie du comportement que l'homme rwandais a toujours observé vis-à-vis de la femme, soulignant néanmoins que le pas à franchir reste considérable. Dans les écoles primaires, l'équilibre est déjà acquis mais il faut que l'enseignement secondaire et supérieur se penche sur ce point. C'est très important, a-t-elle souligné. La journée internationale de la femme est célébrée le 8 mars de chaque année mais il semble qu'elle n'attire pas beaucoup d'attention. C'est pourquoi le Ministre NYIRAMASUBUKO a demandé que la date du 8 mars soit une journée chômée pour faire sentir de l'importance de la femme dans le développement du pays. Pour conclure, elle a déclaré que l'Umunyarwandakazi, comme tout autre rwandais, a besoin de la paix après trois ans de guerre même si celle-ci n'a pas encore pris fin. Pour que cette guerre se termine, le Ministre NYIRAMASUBUKO a demandé à certains politiciens rwandais, y compris évidemment du FPR, de manifester plus de volonté pour que la paix revienne dans notre pays. Les déplacés de Butaro vivant à NYAKINAMA ont à leur tour exécuté un numéro de danse après lequel ils ont déclaré qu'ils en ont assez avec les mensonges des politiciens qui leur ont toujours dit qu'ils allaient regagner leurs biens après la signature de l'Accord de Paix d'Arusha et que maintenant ils attendent toujours la suite.
Jean Baptiste HAKIZIMANA. ORINFOR/Ruhengeri.

Journaliste: Radio Rwanda émettant de Kigali. Sans transition, l'actualité en déhors des frontières du Rwanda.

13.2 min

Journaliste (BBC)A: .....HABYARIMANA voudrait obtenir du Président MUSEVENI l'assurance qu'il n'apportera plus son soutien aux volets du Front Patriotique Rwandais malgré les Accords de Paix d'Arusha signés à grand peine en août dernier, le Rwanda reste menacé par le fait de la reprise de la guerre civile, le FPR reprochant les autorités de Kigali les retards mis dans l'application des accords de paix. A noter aussi à propos de l'Uganda que l'opposition a menacé hier de boycotter les élections du 28 mars pour l'Assemblée constituante à la suite de l'arrestation d'un de ses leaders pour propos sédicieux-nous en avons parlé hier-. D'autres arrestations au sein de l'opposition au Kenya cette fois l'occasion d'une éléction partielle

Journaliste (BBC -A)B:... les unités de l'armée continuent à encercler le quartier à majorité hutu de Kamenge... De son côté le Président Cyprien NTARYAMIRA a rencontré hier les responsables de la sécurité dans le pays pour évoquer un éventuel désarmement des populations civiles. De Bujumbura, une correspondance de Marie Josée NIYONZIMA.

Marie Josée NIYONZIMA: Les armes...au Burundi et particulièrement à Bujumbura dans l'un des quartiers periphériques KAMENGE...par les forces de l'ordre. Beaucoup de feu et d'explosion de 'grenades' se sont entendus de jour comme de nuit à Kamenge, ce quartier à majorité hutu situé au nord de Bujumbura, la capitale. Certains habitants de ce quartier sont enfermés depuis 4 jours chez eux, d'autres ont fui vers d'autres quartiers sur le chemin de province. C'est en effet la population civile de Kamenge qui a provoqué les militaires en tirant vendredi sur toutes leurs positions alors que l'objectif des forces de l'ordre était de veuiller au bon déroulement du 27e anniversaire

15.0 min

de la fusion de l'armée avec la gendarmerie...la population de Kamenge a...boycotter.... Ce 27è anniversaire des forces de l'ordre burundaises aurait été par ailleurs une occasion pour le Ministre de la Défense Nationale et le Président de la République Cyprien NTARYAMIRA d'affirmer que les forces armées burundaises vont bientôt s'ouvrir à toutes les composantes ethniques et régionales au Burundi. Entre autre solution des armes au Burundi, le désarmement de la population civile. Ceci a été longuement débattu ce weekend au cours de deux réunions decrise qui regroupaient les principaux responsables de la sécurité autour du Chef de l'Etat. Les principaux...des commités locaux de sécurité, d'un conseil national chargé d'étudier les mécanismes de désarmement et de combler l'administration là où il manque toujours de gouverneurs ou d'administrateurs.
Marie Josée NIYONZIMA, BUJUMBURA, BBC AFRIQUE.

Journaliste (BBC): Celui-ci signale...au Président burundais le Major Pierre BUYOYA qui nous expliqua sa vision de la situation actuelle au Burundi. Toujours dans la région, on a noté la visite effectuée aujourd'hui en Uganda. Le Président rwandais Juvénal HABYARIMANA il était question de s'entretenir avec son homologue Ugandais Yoweri MUSEVENI de la situation régionale mais aussi d'obtenir des assurances que l'Uganda n'apportera plus son soutien aux rebelles du FPR en cas de nouvelle flambée de violence. ....au Liberia pour le desarmement des fractions... (indicatif)

Journaliste: .... Va utiliser les réglementations nationales contre tortionnaires et ses fondateurs ont également l'intention de tenter d'obtenir de nouveaux textes internationaux afin de rendre plus difficile la pratique de la torture. Ainsi, aux Etats-Unis, plusieurs personnes ont réussi à obtenir des jugements contre les personnes qui les ont torturés dans d'autres pays.

17.2 min

Bien sûr peu de personnes ont pu effectivement récupérer les dommages qui leur avaient été accordés par le tribunal car ce type de jugement n'a pas valeur exécutoire en droit international. Et cela permet en tout cas de saisir les biens du tortionnaire aux Etats-Unis et de l'arrêter s'il est entré sur le territoire américain. Et même si les victimes de torture n'attirent aucun bénéfice financier de leur action, une telle action les aide à surmonter leur expérience. L'organisation...considère que pour faire effectivement campagne en faveur des victimes de

la torture, il faut avoir recours à des pressions politiques, pressions judiciaires mais aussi diplomatiques également obtenir le soutien américain.

Journaliste: ....candidats malheureux des éléctions du mois de juin dernier qui ont vu la victoire de Melchior NDADAYE assassiné en octobre dernier. Depuis le coup d'Etat manqué du 21 octobre, la vie...à des milliers de victimes. Pierre BUYOYA analysera pour nous la situation dans son pays. En Afrique du Sud Nelson MANDELA a proposé...à l'ancien Président burundais le Major Pierre BUYOYA. P.Buyoya avait initié le processus démocratique en conduisant le Burundi vers ses premières éléctions libres. Eléctions qu'il avait perdue au profit de Melchior NDADAYE assassiné lors de la tentative de coup d'Etat du mois d'octobre dernier. Depuis lors les violences interethniques entre hutu et tutsi ont repris de plus belle, faisant des milliers de réfugiés. On pense que l'ancien président...de la situation actuelle dans son pays et comment a-t-il vécu sur cette période. Question posée à Pierre BUYOYA par notre correspondant à COTONOU ou le Major BUYOYA se trouvait ce weekend à l'occasion des assises de la coalition mondiale pour l'Afrique....

19.3 min

Pierre BUYOYA: Les événements qui sont arrivés au Burundi comme j'ai l'occasion de le dire ça a été une tragédie nationale. Et comme vous le savez, il y a eu la mort du Président et d'un certain nombre de ses collaborateurs mais aussi les massacres des populations à grande échelle. Des centaines des milliers, des milliers de...de Burundais sont morts dans ces événements. Alors je doute qu' une tragédie nationale mais aussi comme j'ai eu l'occasion de le dire une tragédie personnelle. Je l'ai vécu comme une tragédie personnelle parce que comme vous le savez, j'ai remis le pouvoir à mon successeur et c'est assez démocratiquement, ce que je souhaitais à l'époque pour qu'il puisse continuer à bâtir le Burundi uni et démocratique et pacifique. Alors cela n'a pas été le cas.

Journaliste: Vous avez déployé des efforts pour la paix au Burundi. Tout le monde le reconnaît. Vous avez organisé des élections démocratiques, des élections libres, vous avez accepté les résultats des urnes, la sute on la connaît. Alors avez-vous maintenant le sentiment que la voix a été écoutée ?

Pierre BUYOYA:A proprement parler, je ne pourrais pas dire que je n'ai pas été écouté mais je crois que les Burundais n'ont pas pu euh résister au dément de la division ethnique; d'abord au moment des élections, ainsi au moment des événements d'octobre 1993...dans nos pays il y a un fait développé avec le temps. En tout cas dans mon pays, le Burundi ce qu'on pourrait appeler l'intégrisme ethnique, qu'on peut appeler aussi extrémisme ethnique. C'est la même chose. Et il est généralement composé de gens qui ne sont pas très nombreux. L'intégrisme... mais c'est extrêmement dangereux. Je crois que la désastre au Burundi est venu comme cela. On n'a pas pu maîtriser l'intégrisme ethnique. Cela a plongé

20.4 min

le pays dans le désastre que je parlais tout à l'heure.

Journaliste: Actuellement après un certain arrangement entre les diverses instances qui dirigent le Burundi on a su qu'il fallait d'autres structures de gouvernement. Alors comment prévoyez-vous l'avenir du Burundi.

BUYOYA: D'abord comme je l'ai souligné il faut dire que les événements que nous avons connus ont été des événements très graves, très durs qui ont ebranlé la société burundaise, ebranlé le processus de démocratisation d'une façon, je peux le dire, assez sérieuse. Cependant, il faut remarquer une chose. C'est que le choix démocratique a nécessité beaucoup de forces. Les institutions démocratiques viennent d'être rétablies. Alors l'avenir du Burundi, il faudra que on se reprenne, il faudra qu'on redynamise la démocratisation, surtout en mettant en avant la réconciliation. Plus que jamais, l'unité et la réconciliation doivent être la base de la gestion... (indicatif)

Journaliste: ...après la tentative de coup d'état qui a coûté la vie au Président Melchior NDADAYE. Bujumbura n'est toujours pas redevenu une ville sûre. Depuis vendredi dernier, à Kamenge, un quartier hutu de la capitale il y a des échanges de coups de feu entre militaires tutsi et civiles hutu. On ne connaît pas le bilan. Avant-hier le Ministre de l'Intérieur parlait déjà de 5 morts alors que deux Médecins de MSF-Belgique ont été blessés. Pourquoi cette nouvelle flambée de violence? Hassan Diop a posé la question au Président du parlement burundais mais aussi le Président du FRODEBU, le parti majoritaire dans le pays, Mr Sylvestre NTIBANTUNGANYA.

25.1 min

NTIBANTUNGANYA: On a assisté à une renaissance de l'armement au sein des populations civiles. Et cela de deux côtés ethniques hutu et tutsi. Je pense que... maintenant a Bujumbura notamment dans les quartiers nords. Et le résultat de cette mefiance ça veut dire que nous devons interroger les populations burundaises depuis les collines en passant par les communes et les provinces et puis la nation entière.

DIOP: Mais est-ce que le problème de fond au Burundi ce n'est tout de même pas un problème culturel ensuite mêlé de politique à savoir ces difficultés de cohabitation entre la communauté hutu et la communauté tutsi?

NTIBANTUNGANYA: En fait, il n'y a pas de problème de cohabitation entre les deux communautés. Il y a plutôt un problème au sein des élites qui se discutent le pouvoir. Et les élites, ayant peur de la démocratie surtout du côté de celles qui ont eu à gérer le pays pendant le parti unique; aujourd'hui ont des inquiétudes qu'il faut , qu'ils ne peuvent donner des réponses. Mais alors il faut que ces inquiétudes des élites précédentes d'hier ne contrecarrent pas la volonté d'espoir. Et du côté des autres qui ont été mis à l'écart par le soutien du parti unique. Je pense que l'équation burundaise se retrouve résumée dans cette phrase-là.

Journaliste: Même impasse politique au Rwanda, au menu des entretiens qu'aujourd'hui ont eu à Kampala les Présidents rwandais et ugandais. Le Président HABYARIMANA voudrait obtenir du Président MUSEVENI l'assurance qu'il n'apportera plus son soutien aux rebelles du Front Patriotique Rwandais.

27.0 min

Malgré les Accords de Paix d'Arusha signés à grand peine en août dernier, le Rwanda reste en effet menacé par le spectre de la reprise de la guerre civile, le FPR reprochant aux autorités de Kigali les retards mis dans l'application de ces accords de paix. A noter aussi à propos de l'Uganda que l'opposition a menacé hier de boycotter les élections du 28 mars pour l'assemblée constituante à la suite de l'arrestation d'un de ses leaders pour propos séducieux-

arrestations dont nous parlions hier. Et puis comme... la réapparution publique hier toujours du Président du Malawi Asim KAMUZU BANDA. Ça fait trois mois qu'on ne l'avait pas vu. Il a bel et bien assisté à Blanta à une messe célébrée en mémoire des martyres de l'indépendance. Le chef de l'Etat Malawite a subi en octobre dernier en Afrique du Sud une opération du cerveau. La semaine dernière ses deux médecins sud-africains ont assuré que son état de santé s'améliorait. (indicatif)

SIBOMANA Aimable: Perezida wa Repubulika Jenerali Majoro HABYARIMANA Yuvenali yagiye mu ruzinduko rw'umunsi umwe muri Uganda. Aragirana imishyikirano na Perezida Yoweli MUSEVENI w'icyo gihugu. Iyo mishyikirano iri mu rwego rw'isanzwe umukuru w'igihugu cyacu agirana na bagenzi be bo mu bihugu bituranye n'u Rwanda, bakungurana ibitekerezo ku bibazo byerekeranye n'umubano n'ubutwererane ndetse n'ibyerekeranye n'umutekano muri aka karere kacu. Muri urwo ruzinduko Perezida wa Repubulika ayoboye intumwa zirimo Ministre w'Ingabo z'igihugu BIZIMANA Agusitini na Minisitiri w'Umurimo n'Imibereho Myiza y'Abaturage NDASINGWA Landuwaridi. Biteganijwe ko ejo umukuru w'igihugu cyacu Jenerali Majoro HABYARIMANA Yuvenali azagenderera na Tanzaniya akagirana imishyikirano na Mugenzi we w'icyo gihugu ALI HASSAN MWINYI.

29.3 min

Muribuka ko Tanzaniya yagize uruhare rukomeye mu mishyikirano Guverinoma y'u Rwanda yagiranye n'Umuryango wa FPR Inkotanyi. Tanzaniya ikaba ari yo muhuza. Amasezerano y'amahoro impande zombi zagiranye aho muri Tanzaniya mu mugi w'Arusha niho yashyiriweho umukono ku itariki ya 4 Kanama mu mwaka ushize w'1993. Ejo muri Segiteri Remera muri Komine Kacyiru ku muhanda wa Kaburimbo ujya i Kanombe habereye impanuka yo mu bwoko bwa JEEP PAJERO. Iyo modoka rero ngo yarimo "grenades" 100 n'amasasu menshi. Mugenzi wacu NSHIMYUMUREMYI Yohani Petero wo mu biro by'akarere bya ORINFOR muri Perefegitura y'Umugi wa Kigali, iyo nkuru yayikurikiraniye hafi akaba ari we utugezaho ibyayo.

NSHIMYUMUREMYI: Iyo modoka ifite plaques ebyiri imwe ya leta y'u Burundi n° 78473 n'indi y'abikorera ku giti cyabo privé n° BR 2611. Yari itwawe n'Umurundi witwa NIYONGABO Audace akaba yaravuye i Bujumbura ku wa gatanu tariki ya 4 Werurwe ninjoro. Iyo modoka yari yikoreye Kg 40 z'amasasu y'imbunda bita R4, Kg 40 z'amasasu y'imbunda KALACHNIKOV, 'chargeurs' 15 zirimo ubusa, 'chargeurs' 13 zuzuye amasasu imwe ijyamo amasasu 20, 'grenades' 100 zakorewe mu gihugu cy'u Burusiya n'imbarutso zazo " détonateurs" na none 100. Nk'uko uwo NIYONGABO Audace yabitwibwiriye yagize iyo mpanuka avuye gusura umuryango we uba i Remera yerekeza i Nyamirambo. Yanatubwiye ko yavuye i Bujumbura yibyiyomodoka mu kigo cyitwa STP kibamo imodoka za leta, ko yakoraga muri Minisiteri y'Abakozi ba Leta akaba yaraje gushaka ubuhungiro mu Rwanda, akaba yaraje gushaka ubuhungiro mu Rwanda. Ava i Bujumbura yatubwiye ko yanyuze kuri gasutamo y'Akanyaru ho ngo nta ngorane. Twamubajije aho yajyanaga ariya masasu na 'grenades' atubwira ko yamenye ko atwaye amasasu na 'grenades' atubwira ko yamenye ko atwaye ibyo bintu amaze kugira impanuka, ko mbere yaho kuva

32.5 min

i Bujumubura kugera i Kigali atari azi ko biri mu modoka ye ngo kuko byari bihishe ahantu hatagaragara.

NIYONGABO : Umuntu uwo ari we wese ashobora kuba yarakoresheje iyo modoka akayikoresha mu kuyenyegezamo ibyo. Ariko njya mbona yuko iyo ugomba gutwara imodoka urareba ko pneu de réserve ihari, ukaraba ko ijeki irimo ukareba n'amavuta yuko ameze neza n'uko n'amazi arimo. Ariko ntushobora kugurura ngo usambure ngo muri arya ma retroviseurs y'imodoka cyangwa mu muryango ngo urabe yuko ko atabirimo cyangwa ibirimo. Wobirabamo. Jewe nabona rwose abasirikare bambwiye yuko indani mu miryango cyangwe mu maheri y'imodoka harimo inkoho. Jewe naje n'igihunga ndahunga.

NSHIMYUMUREMYI : Anketi kuri ibyo bintu zatangiye zirakorwa n'abapolisi ba MINUAR, jandarumori na parike.

Journaliste: Mu makuru avugwa ahandi i Bujumbura....